



CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA

Secrétariat Général

B.P. 357 Kigali / Rwanda

Tél. : (+250) 252 575 439

E-mail : egliscatholiquerwanda@gmail.com

ITANGAZO RISOZA INAMA ISANZWE Y'ABEPISKOPI GATOLIKA MU RWANDA YATERANIYE I KIGALI KUVA TARIKI YA 1 KUGEZA KU YA 4 NZERI 2020

Inama isanzwe y'Abepiskopi gatolika mu Rwanda yateraniye i Kigali kuva tariki ya 1 kugeza ku ya 4 Nzeri 2020. Yari iyobowe na Musenyeri Filippo RUKAMBA, Umushumba wa Diyosezi ya Butare akaba na Perezida w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda (C.EP.R).

Ingingo z'ingenzi inama yibanzeho ni ugusuzuma raporo z'imikoreshereze y'umutungo muri serivisi z'Inama y'Abepiskopi mu mwaka wa 2019-2020 ; kwemeza ingengo y'imari y'umwaka wa 2020-2021; gushimangira no kunoza ingamba zo kwirinda icyorezo cya Covid-19 muri za kiliziya zimaze kwemererwa gukingura imiryango no kungurana ibitekerezo ku iyogezamutumwa rusange muri iki gihe gikomeye kandi cyihariye.

Atangiza inama, Musenyeri Filippo RUKAMBA yashimiye abitabiriye iyi nama bese, aha ikaze by'umwihariko Padiri Yohani Petero MANIRARUTA nk'Umunyamabanga Mukuru wungirije mushya w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda wari witabiriye inama ku nshuro ya mbere. Hanyuma yahaye umwanya Umunyamabanga w'Iburo by'Intumwa ya Papa mu Rwanda wagejeje ku Bepiskopi ubutumwa bw'Intumwa ya Papa. Mu ijamba rye, Padiri In Je HWANG, yabasangije ku makuru y'iyogezabutumwa ku isi yose.

Perezida w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda yakomeje abagezaho gahunda y'ibizasuzumirwa mu nama:


Habayeho gusangira amakuru y'ubutumwa muri za diyosezi zose, hakurikiraho gutega amatwi raporo za serivisi na komisiyo zinyuranye z'Inama y'Abepiskopi, komisiyo y'umuryango, iy'ingaga za Papa mu iyogezamutumwa, iy'ubutumwa bw'abalayiki, iyita ku rubyiruko, komisiyo y'imyigishirize y'iyobokamana n'iy'ubutabera n'amahoro, urwego rushinzwe kongerera ubushobozi servisi za Kiliziya, urwego rw'uburezi gatolika, hanyuma basoreza kuri Kinyamateka n'Ubunyamabanga bukuru bw'Inama y'Abepiskopi gatolika mu Rwanda.

Igishimishije ni uko umwaka ushize wagenze neza n'ubwo icyorezo cya Covid-19 cyazambije bikomeye imibereho y'abantu n'iyogezabutumwa gatolika by'umwihariko. Ibihe na n'ubu biracyakomeye ariko hari gahunda ihamye y'umwaka utaha. Uko inkunga zigenda zitinda kuboneka ndetse zikanabura maze bikadindiza imikorere yazo, niko Komisiyo zashishikarijwe gushaka uburyo bwo kwigira. Bishimiye ko ibikorwa byashobotse byagenze neza mu bihe biruhije kandi ko n'ingengo y'imari yateguwe neza yitaye ku bibazo biriho.


Abepiskopi bavuguruye gahunda y'umwaka w'2020 kubera ko hari inama n'imirimo byari biteganyijwe muri uwo mwaka bitashobotse. Imikoranire y'Abepiskopi na Catholic Relief Services (CRS) nayo yaravuguruwe hatangizwa ibiro bishinzwe gufasha inzego za Kiliziya mu icungamutungo. Basuzumye ibibazo by'amaseminari makuru atarabashije kurangiza umwaka w'amashuri kubera Covid-19. Abepiskopi bagejejweho n'aho inyubako y'iyogezabutumwa y'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda ku Ruyenzi igeze, yiyemeza gukora ibishoboka kugira ngo irangire.

Umuhuzabikorwa w'Urwego rw'Igihugu rushinzwe gahunda mbonezamikurire y'abana bato, Dr Anita ASIIMWE, n'abari bamuherekeje bakiriwe n'Abepiskopi baganira ku buryo bwo gushimangira ubufatanye hagati ya Leta na Kiliziya mu burere n'uburezi bw'abana bato. Inzira z'ubufatanye zizanonosorwa hamwe na Caritas Rwanda kugira ngo ingamba zihamye zibone uko zifatwa kandi zikurikizwe.

Abepiskopi basoje imirimo y'inama yabo ku wa 4 Nzeri 2020 i saa sita n'iminota mirongo itanu (12h50').



Padiri Maritini NIZIGIYIMANA,
Umunyamabanga Mukuru w'Inama
y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda.



✠ Filippo RUKAMBA,
Umwepiskopi wa Butare akaba na Perezida
w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda.

